Umwe muri mwe nashidikanya mu iswalat ye, ntamenye umubare wa rakaa yasayi niba ari eshatu cyangwa se enye, azirukane uko gushidikanya kwe yubakire ku byo yizeye neza adashidikanyaho, narangiza yubame ibyubamo bibiri mbere y'uko avuga indamutso isoza iswalat

Hadith yaturutse kwa Abi Saidi Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe nashidikanya mu iswalat ye, ntamenye umubare wa rakaa yasayi niba ari eshatu cyangwa se enye, azirukane uko gushidikanya kwe yubakire ku byo yizeye neza adashidikanyaho, narangiza yubame ibyubamo bibiri mbere y'uko avuga indamutso isoza iswalat, naba yasayi raka eshanu ibyo byubamo bibiri bizatuma asali izitari igiharwe, naba yasayi yujuje umubare, ibyo byubamo bibiri bizaba ari ukumwaza Shitani!"
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko iyo umuntu uri gusali agize gushidikanya mu iswalat ye akaba atazi umubare wa rakaa yasayi niba ari eshatu cyangwa se enye, azirengagiza iyo yiyongereyeho ashidikanyaho, kubera ko eshatu ari zo yizeye neza, hanyuma asali raka ya kane, narangiza yubame ibyubamo bibiri mbere y'uko avuga indamutso y'amahoro (A-Salamu) yo gusoza iswala. Ariko niba rakaa yasaye by'ukuri ari enye, azongereho indi rakaa zibe eshanu, hanyuma yubame ibyubamo bibiri byo kwibagirwa biri mu mwanya wa raka yindi, ubwo zibarwe ko atari igiharwe: Ariko raka yasayi nituma izo amaze gusali ziba enye, azaba akoze ibyo yari akwiye gukorwa nta cyo yongeyeho cyangwa se ngo agabanye. Ibyubamo bibiri bikorwa umuntu yibagiwe biba bigamije gusuzuguza Shitani no kumutera ikimwaro, no kumutambamira ngo ntagere ku cyo yashakaga, kubera ko yamuteye urujijo mu iswalat, ndetse aharanira kuyangiza. Iswalat ya mwene Adamu rero iruzura iyo yubahirije itegeko rya Allah ryo kubama, mu gihe Ibilisi yigometse kuri Allah yanga kumwubamira, ubwo Allah yari abimutegetse ngo yubamire Adamu


النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY


لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee